



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA NZERI 2021

10 Ukwakira 2021

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## **IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NZERI 2021**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2021. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Ibiciro mu mijyi byagabanutseho 0,9% mu kwezi kwa Nzeri 2021 ugereranyije na Nzeri 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa munani (Kanama 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -0,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,9% mu kwezi kwa Nzeri ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 12,1%.

Iyo ugereranyije Nzeri 2021 na Nzeri 2020, usanga ibiciro by'ibantu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 0,5%.

Wagereranya ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2021) n'ukwezi kwa munani (Kanama 2021), ibiciro byazamutseho 0,6%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byazamutseho 1,7%.

### **B. Ibiciro mu byaro**

Mu kwezi kwa Nzeri 2021, ibiciro mu byaro byagabanutseho 4,8% ugereranyije na Nzeri 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa munani (Kanama 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -2,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 4,8% mu kwezi kwa Nzeri ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 10,9% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 21,7%.

Ugereranyije ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2021) n'ukwezi kwa munani (Kanama 2021) ibiciro byagabanutseho 0,1%. Iri gabonuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 0,6%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Nzeri 2021 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 3,2% ugereranyije na Nzeri 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa munani (Kanama 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -1,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 3,2% mu kwezi kwa Nzeri 2021 ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 8,4% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 14,9%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2021) n'ukwezi kwa munani (Kanama 2021) ibiciro byazamutseho 0,2%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byazamutseho 0,4%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nzeri 2020 kugeza muri Nzeri 2021.**

| Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nzeri 2020 kugeza muri Nzeri 2021<br>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije |      |      |      |      |      |     |     |      |      |      |      |      |      |
|--|------|------|------|------|------|-----|-----|------|------|------|------|------|------|
|  | 2020 |      |      |      | 2021 |     |     |      |      |      |      |      |      |
|  | 09   | 10   | 11   | 12   | 01   | 02  | 03  | 04   | 05   | 06   | 07   | 08   | 09   |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi  | 8,9  | 7,2  | 4,2  | 3,7  | 2,8  | 1,6 | 2,0 | 2,4  | -0,1 | -0,2 | -0,4 | -0,6 | -0,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro  | 12,2 | 10,9 | 4,7  | 4,1  | 4,0  | 2,7 | 1,5 | 3,0  | 0,7  | 0,3  | -1,7 | -2,8 | -4,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda   | 10,8 | 9,3  | 4,5  | 3,9  | 3,5  | 2,2 | 1,7 | 2,7  | 0,4  | 0,1  | -1,1 | -1,8 | -3,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi  | 1,0  | -0,9 | -1,0 | -0,8 | -0,3 | 0,4 | 1,4 | 0,2  | -0,5 | -0,2 | 0,0  | 0,3  | 0,6  |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro  | 2,0  | 0,6  | -0,7 | -1,7 | -1,2 | 0,5 | 1,4 | -1,6 | -2,5 | 0,2  | -0,4 | 0,6  | -0,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda   | 1,6  | 0,0  | -0,8 | -1,3 | -0,8 | 0,5 | 1,4 | -0,9 | -1,6 | 0,0  | -0,3 | 0,5  | 0,2  |
| Isoko: Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda  |      |      |      |      |      |     |     |      |      |      |      |      |      |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

Email: [info@statistics.gov.rw](mailto:info@statistics.gov.rw)